Kigali, kuwa 16 JAN 2024

Ref: 092/AN/TCD/01/024

**Madamu/Bwana:**
**Umuyobozi w'Akarere (Bose)**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo na Nyarugenge**

**Impamvu: Amabwiriza agenga Sizeni y'ikawa y'umwaka wa 2024**

Madamu/Bwana,

Nshingiye ku itegeko No 13/2017 ryo kuwa 14/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), rikagena inshingano, imiterere n'imitunganyirize yacyo, cyane cyane ingingo ya 5;

Nshingiye kandi ku mabwiriza wa Minisitiri w'Ubuhinzi n'ubworozi N° 006 yo kuwa 15/06/2023 agenga ubuhinzi n'ubucuruzi bw'ikawa, cyane cyane mu ngingo ya 6;

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho amabwiriza agenga sizeni y'ikawa y'umwaka wa 2024.

Mboneyeho kubasaba ubufatanye mu iyubahirizwa ry'aya mabwiriza nk'uko agaragara ku mugereka w'iyi baruwa.

Mugire amahoro.

**BIZIMANA Claude**
Umuyobozi Mukuru

**Bimenyeshejwe:**

- Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda
- Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi
- Guverineri w'Intara (Bose)
- Umuyobozi wa CEPAR
- Umuyobozi wa RCCF
- Inganda zitunganya kawa (Zose)

**AMABWIRIZA No....0..0..1.....2024 Y'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE IYOHEREZWA MU MAHANGA RY'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI (NAEB) AGENGA SIZENI Y'IKAWA Y'UMWAKA WA 2024**

Hagamijwe gukomeza kwita ku iterambere ry'umuhinzi w'ikawa, gutunganya no kubungabunga ubwiza bw'ikawa y'u Rwanda, kohereza mu mahanga ikawa ifite ubwiza buhebuje (Specialty coffee),

Ubuyobozi Bukuru bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), bushingiye ku:

- Itegeko nº 13/2017 ryo ku wa 14/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi rikanagena inshingano, imiterere n'imitunganyirize yacyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;
- Amabwiriza ya Minisitiri Nº 006 yo kuwa 15/06/2023 agenga ubuhinzi n'ubucuruzi bw'ikawa;

Hashingiwe kandi ko igihe cy'isarura n'itunganywa ry'ikawa mu gihugu hose cyegereje;

Buboneyeho gutangariza abantu bose bakora mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa amabwiriza agenga sizeni y'ikawa y'umwaka wa 2024 akurikira:

**Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agamije gushyiraho umurongo ngenderwaho muri sizeni y'ikawa y'umwaka wa 2024 mu rwego rwo kunoza imikorere n'imikoranire hagati y'inganda zitunganya umusaruro w'ikawa, abahinzi b'ikawa n'inzego zitandukanye.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo:**

1. **Icyangombwa cy'umukozi w'uruganda:** ni icyangombwa uruganda ruha umukozi warwo ukorera ku ikusanyirizo ryemewe kigaragaza amazina ye, uruganda akorera, umurimo akora n'ikusanyirizo akoreraho;
2. **Ikawa isarurwa ikanagemurwa:** Ni ikawa yeze kandi ihishije neza, ifite ibara ritukura yasoromwe kandi ikagezwa ku ruganda cyangwa ku ikusanyirizo (site) kugirango itunganywe mu gihe kitarenze amasaha umunani (8) isaruwe.
3. **Umunzani wujuje ubuziranenge:** Ni umunzani wemewe n'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) bikagaragazwa n'ikirango cya RSB cyashyizwe kuri uwo munzani.

4. **Ikusanyirizo (Site):** ni ahantu hemejwe n'Akarere, hatari ku ruganda, abahinzi b'ikawa bajyana umusaruro wabo kugira ngo bahahurire n'inganda ziwubagurire.
5. **Uruganda:** muri aya mabwiriza, uruganda bivuze uruganda rwemewe na NAEB, rutunganya umusaruro w'ikawa wagemuwe n'abahinzi.
6. **Umugenzuzi:** Umukozi wese w'urwego rubifitiye ububasha rushinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza.
7. **Ikawa ya oridineri:** ni ikawa y'amaganda itaratunganyirijwe mu ruganda.
8. **Ikawa y'amaganda:** Ikawa yatunganyijwe nyuma yo gusarurwa, igakurwaho igishishwa cyayo gitukura, ikanikwa, ikuma (Parchment Coffee).

**Ingingo ya 3: Gusarura, kugura, gukusanya no gutunganya umusaruro w'ikawa**

3.1. Ikawa yose yasaruwe n'abahinzi igomba gutungayirizwa ku ruganda;

3.2. Umuhinzi agomba gusarura ikawa yeze kandi ihishije neza, akayigemura ku ruganda cyangwa ku ikusanyirizo ryemewe yihitiyemo;

3.3. Amakusunyanyirizo (sites) yemewe agurirwaho ikawa, imikorere n'imicungire yayo, bigenwa kandi bikemezwa n'Akarere binyuze mu nama ya "*Task Force*". Raporo y'ayo makusanyirizo yemejwe ishyikirizwa NAEB kugira ngo ifatanye n'Akarere gukurikirana imikorere yayo;

3.4. Uruganda rugurira umusaruro w'ikawa ku ruganda nyirizina cyangwa ku ikusanyirizo iryo ariryo ryose rushatse ariko ryemewe;

3.5. Umukozi wakira umusaruro w'ikawa ku ruganda no ku ikusanyirizo, agomba kuba buri gihe afite ibyangombwa bimuranga (badge) bitangwa n'uruganda akorera. Urutonde rw'abakozi bagurira uruganda kuri buri kusanyirizo rutangwa ku Karere mbere y'uko sizeni itangira.

3.6. Ikusanyirizo rigomba kuba ryujuje ibi bikurikira:

- Ahantu horoheye abahinzi kuhageza umusaruro wabo, hagera umuhanda kugirango byorohe kugeza umusaruro ku ruganda;
- Ahantu hagaragara kandi hitaruye inyubako zikorerwamo ibindi bintu, aho umugenzuzi ashobora kugenzura bimworoheye;
- Ahantu hari intera nibura y'ikirometero eshatu (3km) uvuye ku ruganda;

3.7. Kuri buri kusanyirizo no ku ruganda, umunzani wemewe gukoreshwa hakirwa umusaruro w'abahinzi ni umunzani wujuje ubuziranenge.

**Ingingo ya 4: Gusigasira ubwiza bw'ikawa no kumenya inkomoko yayo.**

4.1. Inganda zigomba gutunganya ikawa yogeje neza yo mu bwoko bwa *"fully washed";*

4.2. Ubundi buryo bwo gutunganya ikawa mu ruganda bubanza gusabirwa uburenganzira muri NAEB, ubu burenganzira butangwa habanje kurebwa ko ubwiza bw'ikawa buzakomeza kwitabwaho.

4.3. Mu rwego rwo gukomeza kwita no kubungabunga ubwiza bw'ikawa y'u Rwanda, inganda zose zirasabwa gukora ibi bikurikira, bigakorerwa ku nganda no ku makusanyirizo:

i. Kugenzura neza ubwiza bw'ikawa yasaruwe ikanagemurwa n'abahinzi ku ruganda cyangwa ku ikusanyirizo;

ii. Guha abahinzi aho batoranyiriza ikawa bagemuye, bakuramo izariwe n'udukoko, izangiritse, izidahishije, izahishije zikarenza urugero, iz'umukara, no gukuramo ibindi byose byaba bitari ikawa.

iii. Gutoranya ikawa hakoreshejwe uburyo bwo kurerembesha mu bibumbiro cyangwa ibindi bikoresho byabugenewe (floating tanks) hakoreshejwe amazi meza, hagamijwe gukuramo kawa z'ibihuhwe.

4.4. Ikawa yose igomba kugezwa ku ruganda ikimara gusarurwa, igatangira gutunganywa mu gihe kitarenze amasaha umunani uhereye igihe yasaruriwe (8hours);

4.5. Umusaruro wakiriwe ku ruganda cyangwa ku ikusanyirizo ugomba gufatwa neza kugirango utangirika utaratunganywa.

4.6. Mbere y'uko Sizeni itangira, Inganda zigomba gukorerwa isuku ndetse n'ibikorwa remezo byazo bikavugururwa. Mu bigomba kuvugururwa bikanakorerwa isuku harimo: ibibumbiro birerembesherezwamo ikawa, imashini itonora ikawa, ibibumbiro bihugutishirizwamo ikawa, aho bogereza ikawa bakazishyira mu byiciro, imiyoboro inyuramo kawa n'umurenda, aho batoranyiriza ikawa mbere yo kuyanika, ibitanda byanikwaho ikawa n'ibyobo bifata amazi. Mbere y'uko Sizeni itangira, NAEB ikora ubugenzuzi mu nganda zose kugirango harebwe ko buri ruganda rwujuje ibisabwa mbere yo kwemererwa gukora muri iyo sizeni.

**Ingingo ya 5: Igurwa ry'ikawa idatunganyirijwe mu ruganda (ikawa ya oridineri)**

5.1. Igihe cyose inganda zigikora, gutunganya no gucuruza ikawa ya oridineri ntibyemewe.

5.2. Iyo sizeni irangiye, NAEB itangaza ko ubucuruzi bw'ikawa ya oridineri bwemewe gutangira gukorwa. Icyo gihe umucuruzi wujuje ibisabwa ashobora gusaba ku Karere icyangombwa cyo kugura ikawa ya oridineri;

5.3. Umucuruzi ugura ikawa ya oridineri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

i. Ibaruwa isaba yandikiwe umuyobozi w'Akarere igaragaza aho yifuza gukorera,

ii. Kuba ari umucuruzi wemewe n'amategeko ufite nomero iranga usora (tin number)





80

iii. Kugaragaza amasezerano ariho umukono wa noteri yagiranye n'uwohereza ikawa mu mahanga azagemurira,

iv. Kwishyura miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000FRW) y'icyangombwa kigira agaciro kugeza itariki NAEB itangarije amabwiriza ya sizeni y'umwaka ukurikiyeho;

5.4. Akarere koherereza NAEB raporo y'abacuruzi bahawe ibyangombwa byo gucuruza ikawa ya oridineri kugira ngo bafatanye gukurikirana imikorere yabo;

5.5. Umucuruzi wese wahawe icyangombwa cyo kugura ikawa ya oridineri agomba gutanga buri kwezi raporo ku Karere igaragaza ingano y'ikawa yaguze, iyagemuwe n'aho yayigemuye, Akarere nako kagatanga raporo ihuje muri NAEB.

5.6. Uwohereza mu mahanga ikawa ya oridineri agomba kugaragariza NAEB abacuruzi bazimugemuriye bigaragazwa na kopi y'ibyangombwa abo bacuruzi bahawe n'Akarere baziguriyemo.

**Ingingo ya 6: Iyubahirizwa ry'igiciro cy'ikawa gihabwa abahinzi**

6.1. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa, NAEB itangaza igiciro fatizo cy'ikawa gihabwa abahinzi. Inganda zigomba kugurira abahinzi umusaruro w'ikawa ku giciro kitari munsi y'igiciro fatizo;

6.2. Bitewe n'ihindagurika ry'igiciro cy'ikawa ku isoko mpuzamahanga, NAEB ishobora gutangaza ikindi giciro fatizo cy'ikawa kivuguruye;

6.3. Mu gihe hataratangazwa igiciro gishya, hakurikizwa igiciro fatizo cya sizeni yarangiye kugeza igihe ikindi giciro kizatangarizwa.

6.4. Umuhinzi wese ugemuye ikawa agomba guhita yishyurwa amafaranga angana n'agaciro k'ikawa yagemuye cyangwa akishyurwa hagendewe mu masezerano afitanye n'uruganda.

**Ingingo ya 7: Gucuruza ikawa byemewe n'amategeko imbere mu gihugu no kohereza ikawa mu mahanga**

8.1. Ikawa igomba kwambuka imipaka y'u Rwanda ari uko ifite ibyangombwa biteganywa n'amategeko;

8.2. Uwohereza ikawa mu mahanga, agomba kuba afite uruhushya rwo kohereza ikawa mu mahanga rutangwa na NAEB (Export License) kandi rugifite agaciro,

8.3. Uwohereza ikawa mu mahanga agomba gusaba ibyangombwa biyiherekeza binyuze mu ikoranabuhanga rya OES (Online Export Service portal).

**Ingingo ya 8: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rya SMART KUNGAHARA (SKS)**

8.1. Uruganda rugomba gushyira muri Smart Kungahara (SKS) amakuru yose y'ikawa rwaguze, yaba ikawa yakiriwe ku ruganda cyangwa ku makusanyirizo. Na none uruganda rugomba gushyira muri SKS amakuru yose y'ikawa y'amaganda yabonetse (parchement coffee) nyuma yo kuyitunganya;

**8.2.** Uruganda rugomba guhugura abakozi barwo mu gukoresha SKS kandi bakaba bafite ibikoresho bikenewe kugira ngo amakuru yose akenewe ashyirwe muri SMART KUNGAHARA ku gihe.

**Ingingo ya 9: Ubugenzuzi**

9.1. Uruganda rugomba kugenzura ubwiza bw'ikawa rutunganya guhera igihe ikusanywa, itonorwa, yanikwa n'igihe ibikwa kandi rukayisogongera mu rwego rwo gukomeza kuyitaho.

9.2. Ikawa yose yoherezwa mu mahanga ibanza kugenzurwa ubwiza no gusogongerwa na NAEB, hanyuma bitewe n'icyiciro irimo, ikishyura amafaranga ateganywa n'amabwiriza ya Minisitiri N° 006 yo kuwa 15/06/2023 agenga ubuhinzi n'ubucuruzi bw'ikawa.

9.3. Inzego zibifitiye ububasha, arizo NAEB, inzego z'ibanze, n'inzego z'umutekano, zishobora gukora igenzura igihe icyo aricyo cyose, mu rwego rwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza n'imigendekere myiza ya sizeni y'ikawa.

9.4. Buri ruganda cyangwa umucuruzi w'ikawa ya oridineri basabwa gutanga amakuru yose y'ukuri mu gihe cy'igenzura.

**Ingingo ya 10: Ibihano biteganijwe kubatubahiriza amabwiriza**

10.1. Uruganda rukorewe igenzura mbere y'uko sizeni itangira, bikagaragara ko rutujuje ibisabwa byavuzwe mu ngingo ya 4 igika cya 6, rusabwa mu nyandiko gukosora ibyagaragajwe n'igenzura kandi rukemererwa gukora ari uko rumaze kubishyira mu bikorwa.

10.2. Uruganda rudafite uburyo bwo gutoranya ikawa ku ruganda cyangwa ku ikusanyirizo ruhanishwa amande angana n'ibihumbi magana atatu by'amafaranga y'u Rwanda (300,000 FRW);

10.3. Umukozi w'uruganda ukorera ku ikusanyirizo udafite ibyangombwa, uruganda akorera ruhanishwa amande angana n'ibihumbi magana atatu by'amafaranga y'u Rwanda (300,000 FRW);

10.4. Uruganda rufashwe rugurira ikawa ahantu hatabugenewe ruhanishwa amande angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000 FRW), insubiracyaha ihanishwa amande angana na miliyoni ebyiri y'amafaranga y'u Rwanda (2,000,000 FRW);

10.5. Umuntu ugura ikawa nta ruganda ahagarariye, ahanishwa kwamburwa ikawa yaguze zikagurishwa ku ruganda ruhegereye ku giciro cyatangajwe na NAEB;

10.6. Uruganda rugura ikawa ku giciro kiri munsi y'igiciro fatizo, ruhanishwa guhagarikwa igihe kingana n'Ukwezi kumwe (1), rukanacibwa amande angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000 FRW) kandi rukishyura amafaranga yose rwambuye abahinzi. Insubiracyaha ihanishwa gucibwa amande ya miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3,000,000 FRW), kwishyura amafaranga yose rwambuye abahinzi no guhagarikwa igihe cyose cya sizeni gisigaye.

10.7. Uruganda rukoresha umunzani utujuje ubuziranenge, ruhanishwa amande angana n'ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500,000 FRW) kandi rukemererwa kongera kugurira aho hantu ari uko rufite umunzani wujuje ubuziranenge.

10.8. Uruganda ruzafatwa rutunganya ubundi bwoko bw'ikawa itari *fully washed* kandi rutarabiherewe uburenganzira na NAEB, ruzahanishwa amande angana n'ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500,000 FRW).

10.9. Umuntu wese ufashwe atunganyiriza ikawa ahandi hantu hatari ku ruganda, ahanishwa kuzamburwa zikagurishwa uruganda ruri hafi aho;

10.10. Uruganda cyangwa umucuruzi bagura ikawa ya oridineri, NAEB itaratangaza ko igurwa ryayo ryemewe, bahanishwa amande angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000 FRW). Ikawa zaguzwe zirafatirwa, zigatezwa cyamunara. Insubiracyaha ihanishwa amande ya miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3,000,000 FRW) kandi ikawa zaguzwe zigafatirwa, mu gihe ari uruganda hiyongeraho guhagarikwa gukora mu gihe cya sizeni cyose gisigaye.

10.11. Uruganda cyangwa umucuruzi ugura ikawa ya oridineri adafite icyangombwa, ahanishwa amande angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000 FRW kandi agategekwa gushaka ibyangombwa mbere yo kongera gukora.

10.12. Umuntu wese ufashwe yohereza ikawa hanze y'u Rwanda zidafite ibyangombwa bitangwa na NAEB, arazamburwa, zigatezwa cyamunara. Iyo nyirazo yari afite icyangombwa kimwemerera kohereza ikawa mu mahanga (Export licence) acyamburwa mu gihe kingana n'umwaka, agacibwa n'amande angana na miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2,000,000 FRW).

10.13. Uruganda rudashyira amakuru muri SMART KUNGAHARA ku gihe cyangwa rugashyiramo amakuru atari ukuri, ruhanishwa amande angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000 FRW). Iyo uruganda rwongeye gukora iryo kosa kandi rwari rwaraburiwe rukanabihanirwa ku nshuro ya mbere, ruhagarikwa gukora mu gihe cy'iminsi irindwi (7).





Bl

10.14. Uruganda cyangwa umucuruzi ugura ikawa ya oridineri bazanga gukorerwa igenzura, bakananiza abakozi babishinzwe, cyangwa bagatanga amakuru atari ukuri bazahanishwa amande angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000 FRW).

10.15. Ikawa y'amaganda igemuwe idafite impapuro ziyiherekeza ziteganywa n'aya mabwiriza, uyifatanywe azahanishwa amande angana n'ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500,000 FRW);

10.16. Iyo Uruganda ruhanishijwe gutanga amande hakiyongeraho no guhagarikwa rwemererwa gukora ari uko rwubahirije ibihano byose rwahanishijwe.

10.17. Uruganda cyangwa umucuruzi w'ikawa wahanishijwe gutanga amande, ayo mande yishyurwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) ibarwa uhereye igihe igihano cyatangiwe. Iyo amande atishyuwe mu gihe kivugwa muri iyi ngingo, uruganda cyangwa umucuruzi w'ikawa bahagarikwa gukora kugeza igihe bishyuriye.

10.18. Amande yose ndetse n'amafaranga avuye mu ikawa zafatiriwe ashyirwa kuri konti y'Akarere igikorwa cyabereyemo;

**Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza azamara n'igihe atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza agenga sizeni y'ikawa y'umwaka wa 2024 kandi atangira kubahirizwa uhereye igihe ashyiriweho umukono.

Kigali, kuwa..12../01/2024

**Claude BIZIMANA**
**Umuyobozi Mukuru wa NAEB**